

## **RAPORO Y'URWEGO RW'UBUCAMANZA**

### **INTANGIRIRO**

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda mu ngingo yaryo ya 60 rivuga ko inzego z'Ubutegetsu bwa Leta ari eshatu arizo: Ubutegetsu Nshingamategeko, ubutegetsu Nyubahirizategeko n'Ubutegetsu bw'Ubucamanza.

Nk'uko kandi bisobanuwe mu ngingo yaryo ya 140 Ubutegetsu bw'Ubucamanza burigenga haba mu mikorere cyangwa mu micungire y'abakozi n'imari. Ubutegetsu bw'Ubucamanza bugizwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Urukiko rw'Ikirenga, Urukiko Rukuru rwa Repubulika (n'ingereko 4), Inkiko Zisumbuye 12 n'Inkiko z'Ibanze 60.

Urwego rw'Ubucamanza rufite kandi n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bushinzwe gukurikirana imikorere y'Inkiko no kunoza imikorere yazo hamwe n'Ubunyamabanga Bukuru bushinzwe kuzigezaho ibyo zikeneye.

Itegeko Ngenga rigenga Urukiko rw'Ikirenga riteganya ko buri mwaka Urukiko rw'Ikirenga, nk'Urwego rukuriye ubutegetsu bw'Ubucamanza, rutangaza raporo y'ibyagezweho n'urwo rwego rushingiye ku ntego ruba rwihaye buri mwaka.

Raporo y'umwaka wa 2007 iragaragaza ibyerekeranye n'imanza mu nkiko herekanwa izari mu nkiko mu ntangiriro z'umwaka, izinjiye, izaciwe, izasibwe n'izisigaye mu mpera zawo nk'uko bisanzwe bikorwa buri mwaka, ariko ikanagaragaza ku buryo bw'umwihariko uko imanza zerekeranye n'ibibazo byihariye byakunze kugaragara mu muryango nyarwanda uyu mwaka biteye. Muri urwo rwego, irerekana imibare y'imanza ziri mu nkiko, izaciwe n'izisigaye ku byaha bikurikira:

- Ibyaha bibangamira ubukungu bw'igihugu;
- Guhohotera abacitse ku icumu rya jenocide, abatangabuhamya n'inyangamugayo z'inkiko Gacaca, amacakubiri n'ivangura, gusambanya ku ngufu abari n'abategarugori.

Raporo iragaragaza kandi n'ibindi bikorwa byakozwe mu rwego rw'ubuyobozi rusange bw'Inkiko kugirango zishobore kugera ku nshingano zazo.

Muri rusange inkiko zashoboye kugera ku musaruro ushimishije.

Ku bijyanye n'ianza biraza kugaragara ko: mu ntangiriro z'umwaka inkiko zarimo imanza 50.261, Uyu mwaka hinjiye 41.981.

- Haciwe 31126
- Hasibwe 6.707
- Hakaba hasigaye 54.409<sup>6</sup>

Ku bijyanye n'ibindi byakozwe, hari ugushyiraho abakozi bakenewe, gutunganya aho inkiko zikorera no kuziha uburyo n'ibikoresho bya ngombwa, gutegura ishyirwaho ry'inkiko z'ubucuruzi, kugenzura imikorere, kongerera abakozi ubumenyi, guteza imbere ikoranabuhanga n'itumanaho mu nkiko no kunoza uburyo bwo kugeza ubutabera ku baturage.

Muri urwo rwego:

- Hashyizweho abacamanza 33, abanditsi b'inkiko 27 n'abunganira inkiko 10 ubu abakozi bose bo mu rwego rw'ubucamanza bakaba ari 569 barimo abagabo 343 n'abagore 226 ; bivuze ko abagore bangana na 40 % by'abakozi bose b'Urwego rw'Ubucamanza.
- Hatashywe ingoro z'ubutabera 3, mu mwaka wa 2007. Hari inyubako zatangiye zigikomeza, hakaba hari n'izindi nkiko zizatangiye kubakirwa muri 2008, kuko gahunda zo gutanga amasoko zatangiye.
- Inkiko zagenewe ingengo y'imari y'amafaranga 3.580.612.932 Frw, ziterwa inkunga y'amafaranga 1.986.578.121Frw, yose hamwe akaba ari 5.567.191.053 Frw. Ayaturutse ku ngengo y'imari yakoreshejwe yose, naho kuy'abaterankunga, hakoreshejwe angana na 66% kuko hari ibikorwa binyuranye bigikomeza, cyane cyane ibijyanye n'ubwubatsi.
- Mu rwego rwo guteza imbere ikoranabuhanga, uyu mwaka Inkiko zahawe za mudasobwa 50. Umubare wa za mudasobwa ziri mu Nkiko ni 557 ku bakozi 569 bari mu nkiko bingana na 98% intego ikaba ari iyo kugera ku ijana ku ijana.

---

<sup>6</sup> Imanza zinjiye n'izaciwe mu kuboza 2007 nti zibarwemo kuko muri icyo gihe, benshi mu bacamanza baba bari mu kiruhuko. Imbare y'ianza ivugwa haruguru, n'iyizindi Nkiko usibye Urukiko rw'Ikirenga.

Umuyoboro w'ishererekanyamakuru uhuza ibiro byose mu Rukiko rw'Ikirenga no mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika, hakoreshejwe ikoranabuhanga urakora neza. Inkiko hafi ya zose zishobora guhererekanya amakuru hakoreshejwe umurongo wa "Internet".

- Hakozwe ubugenzuzi ku mikorere rusange y'inkiko mu nkiko. Mu nkiko 18 zirimo izitari zaragenzwe umwaka ushize zigurwa inama ku buryo bwo kunoza imikorere, hanakorwa amaperereza ku bacamanza 15 n'abanditsi 9 bavuzweho imikorere mibi, raporo zishyikirizwa Inama Nkuru y'Ubucamanza ifatira ibyemezo abacamanza 5 harimo batatu birukanywe n'abanditsi 5 bese birukanywe.
- Mu rwego rwo kunoza uburyo bwo kugeza ubutabera ku baturage, hatangajwe inyandiko zisobanurira abaturage inkiko z'igihugu, ububasha bwazo n'imikorere ndetse n'inyandiko isobanura uruhare rw'inzego z'ibanze mu ihamagarwa ry'ababuranyi mu manza. Hagenzwe kandi uburyo amabwiriza yo kwakira no guha servisi nziza abagana inkiko yubahirizwa hagamijwe kunoza iyo gahunda.
- Muri uyu mwaka kandi abakozi bahawe amahugurwa anyuranye bakora n'ingendo shuri mu bihugu binyuranye hagamijwe kubongerera ubumenyi mu mirimo bashinzwe.

Muri rusange umusaruro w'uyu mwaka urashimishije. Nta n'uwashidikanya ko uzakomeza kugenda utera imbere uko inzitizi inkiko zihura na zo zigenda zikemuka. Muri zo twavugaga izi zikurikira:

- Umubare muto w'abacamanza n'abanditsi ugereranyije n'umubare w'imanza zinjira;
- Kuba Inkiko zimwe na zimwe zitararangiza kubakirwa ngo zibone aho zikorera hatunganye;
- Umubare munini w'imanza zinjira mu nkiko ;
- Imishahara mito ituma bamwe mu bacamanza n'abanditsi bahitamo kwigira mu yindi mirimo;
- Ikoranabuhanga mu mikorere rikiyubaka.

Iyi raporo ikubiyemo ibisobanuro rusange ku rwego rw'ubucamanza, ishingiro ry'ibikorwa byarwo, ibyakozwe uyu mwaka haba mu rwego rw'ubuyobozi rusange rw'imirimo cyangwa mu rwego rwo guca imanza, ibibazo n'ingorane rwahuye na byo hamwe n'ibikorwa byimirijwe imbere.

## I. ABAKOZI B'URWEGO RW'UBUCAMANZA

Urwego rw'Ubucamanza rugizwe n'abakozi bari mu ngeri zikurikira:

- Abacamanza ;
- Abanditsi b'Inkiko ;
- Abakozi bunganira inkiko.

**Imbonerahamwe igaragaza abakozi bo mu rwego rw'ubucamanza**

URWEGO	SERIVISI	UMUBARE		IGITSINA		IMPAMYA BUMENYI				
		Abatega Nyijwe	Aba hari	GABO	GORE	PHD	M	L	B	H
CS	Abacamanza	14	12	06	06	01	01	10	00	00
	Abanditsi b'inkiko	8	08	03	05	00	00	08	00	00
	Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko	4	04	03	01	00	00	04	00	00
	Abakozi bunganira inkiko	<b>37</b>	<b>35</b>	13	22		00	19	7	8
HCR	Abacamanza	26	26	18	08	00	02	24	00	00
	Abanditsi b'inkiko	23	23	11	12	00	00	23	00	00
	Abakozi bunganira inkiko	10	10	4	6	-	-	2	2	6
TGI	Abacamanza	99	99	66	33	00	0	99	00	00
	Abanditsi b'inkiko	<b>81</b>	79	52	27	00	0	02	38	39
	Abakozi bunganira inkiko	<b>36</b>	33	22	11	-	-	12	4	17
TB	Abacamanza	120	120	72	48	00	00	110	10	00
	Abanditsi b'inkiko	120	120	73	47	00	00	02	15	103
<b>IGITERANYO</b>		<b>578</b>	<b>569</b>	<b>343</b>	<b>226</b>	<b>1</b>	<b>3</b>	<b>315</b>	<b>76</b>	<b>173</b>
Ijanisha (%)		<b>100%</b>	<b>98%</b>	<b>60%</b>	<b>40%</b>	<b>0,17%</b>	<b>0,53%</b>	<b>56,14%</b>	<b>13,54%</b>	<b>30,83%</b>


Icyitonderwa: Abacamanza hafi ya bose bafite nibura impamyabumenyi ihanitse mu mategeko (licence en droit) uretse abacamanza 10b'inkiko z'ibanze nabo bageze mu mwaka wa nyuma wa kaminuza.

### Ibisobanuro ku magambo yakoreshejwe

- CS** :Urukiko rw'Ikirenga (Cour Suprême)
- HCR** :Urukiko Rukuru rwa Repubulika (Haute Cour de la République)
- TGI** :Urukiko rwisumbuye (Tribunal de Grande Instance)
- TB** :Urukiko rw'Ibanze (Tribunal de base)
- PHD** :Impamyabumenyi y'ikirenga (Doctorat)
- M** :Impamyabumenyi y'ikirenga, icyiciro cya mbere (Maîtrise)
- L** :Impamyabumenyi ihanitse (Licence)
- B** :Impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza (Baccalauréat)

**Icyitonderwa:**

- Kugeza ubu, umubare w'abagore bakora mu rwego rw'Ubucamanza wagabanutseho 5% ugereranyije n'umwaka ushize (2006), ariko uwo mubare, uracyari hejuru ya 30%. Ungana na 40%.



## **II. ISHINGIRO RY'IBIKORWA BY'URWEGO RW'UBUCAMANZA**

Ibikorwa byose by'Urwego rw'Ubucamanza bishamikiye kuri gahunda enye na zo zishingiye kuri gahunda y'imyaka itatu yateguwe n'Urukiko rw'Ikirenga. Izo gahunda ni izi zikurikira:

- Kwegereza abaturage ubutabera ;
- Kunoza imikorere y'Inzego z'Ubucamanza ;
- Gushimangira ubwigenge bw'ubucamanza ;
- Kunoza ubufatanye n'Izindi nzego.

Hashingiwe kuri izi gahunda, Urukiko rw'Ikirenga rutegura gahunda y'igenamigambi ya buri mwaka yihariye. Ni muri urwo rwego, mu mwaka wa 2007, hari hateganyijwe ibi bikurikira:

### **II.1. Mu bijyanye no kwegereza abaturage ubutabera.**

- Kumenyeshya abaturage imikorere y'inkiko ;
- Gutunganya no gukurikirana imikorere y'ubwanditsi bw'Inkiko mu kwakira no kuyobora abazigana ;
- Gukangurira aboyobozi b'Inzego z'Ibanze uruhare rwabo mu mikorere myiza y'inkiko.

### **II.2. Mu bijyanye no kunoza imikorere y'Inzego z'Ubucamanza.**

- Guca imanza z'intabera mu gihe kitarambiranye;
- Guha inkiko abakozi bahagije kandi bashoboye akazi;
- Kongerera ubushobozi abakozi binyuze mu mahugurwa n'ingendoshuri;
- Kubakira inkiko no kuzigezaho ibikoresho bya ngombwa;
- Gushyiraho uburyo bwo gukemura ikibazo cy'ibirarane by'Imanza;
- Gukoresha ikoranabuhanga mu micungire y'amadosiye;
- Kunoza imicungire y'amafaranga, umutungo n'abakozi;
- Kugenzura imikorere y'Inkiko no kurwanya Ruswa mu Nkiko;
- Guteza imbere imibereho y'abakozi bo mu Nkiko.

### **II.3. Mu bijyanye no gushimangira ubwigenge bw'ubucamanza.**

- Gushyiraho amategeko ngengamikorere y'Inkiko ;
- Gusobanurira izindi nzego za Leta imikorere n'ubwigenge bw'Urwego rw'Ubucamanza ;
- Gutanga ibitekerezo ku byavugururwa mu mategeko amwe n'amwe hagamijwe gutunganya imikorere y'inkiko no gukemura ibibazo byagaragaye nyuma y'ivugurura ry'ubucamanza.

### **II.4. Mu bijyanye no kunoza ubufatanye n'izindi nzego.**

- Kujya inama n'izindi nzego z'igihugu cyangwa mpuzamahanga mu rwego rwo kunoza imikorere y'Ubucamanza mu Rwanda.

Izi gahunda n'ibikorwa bijyanye na zo byashyizwe mu bikorwa n'inzego z'imirimo zinyuranye zigize urwego rw'Ubucamanza. Muri iyi raporo biragaragazwa mu bika bikurikira :

- Ibikorwa birebana n'imanza ;
- Ibikorwa by'ubuyobozi rusange ;
- Ibindi.

### III. IBYAKOZWE N'INKIKO

Muri iyi ngingo, haragaragazwa imirimo yakozwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'iyakozwe n'izindi nkiko ijyanye n'imanza ndetse n'ibindi bikorwa binyuranye.

#### III.1. Urukiko rw'ikirenga

Mu mirimo ikorwa n'Urukiko rw'Ikirenga, uretse irebana no guca imanza, uru nirwo Rukiko rukuriye izindi nkiko zose zisanzwe rukaba rufite inshingano yo guhuza ibikorwa byazo no kuziyobora.

##### III.1.1. Imirimo y'imanza

###### ➤ Imiterere rusange y'imanza ziri mu Rukiko rw'Ikirenga



Imiterere y'imanza ziri mu Rukiko rw'Ikirenga iragaragarira mu mbonerahamwe ikurikira:


		UMUBARE						TOTAL
		Pén	Gén	Civ	Adm	Com	Soc	
Imanza zari mu Rukiko mu ntangiriro ya Mutarama		344	41	71	23	8	4	491
Izinyiye kugeza mu mpera z' Ukuboza		318	22	352	35	16	15	758
Izaciwe mu mizi kuva muri Mutarama		214	21	65	28	7	4	339
Izasibwe kuva muri Mutarama		0	0	253	0	0	0	253
Izisigaye mu mpera z'Ukuboza		282	38	50	27	14	11	422
Umubare w'imanza zahamagajwe		475	51	381	45	17	14	983
Umubare w'imanza zasubitswe		290	8	83	25	14	7	427
Ibyemezo by'ibanzirizasuzuma byafashwe n'Urukiko rw'Ikirenga	Ibyakiriwe	153	7	10	23	4	3	200
	Ijanisha	76.5%	3.5%	5%	11.5%	2%	1.5%	57.97%
	Ibitarakiriwe	76	4	55	3	3	4	145
	Ijanisha	52.41%	2.76%	37.93%	2.07%	2.07%	2.76%	42.02%
	Igiteranyo	229	11	65	26	7	7	345

Icyitonderwa : - Ku manza 758 zinjiye mu rukiko, hasohotse 737 (harimo izaciwe mu mizi, izasibwe n'izafashweho ibyemezo byo kutakirwa) n'imanza 90 zakuwe mu mubare w'izari zisanzwe mu Rukiko rw'Ikirenga muri 2006 kubera impamvu zitandukanye ;



Umubare w'imanza zasubitswe ugereranyije n'izahamagajwe zose ungana na 43%. Mu mpamvu zituma imanza zisubikwa 73% zituruka ku baburanyi.





➤ **Imanza zakorewe ibanzirizasuzuma**

Nk'uko amategeko abiteganya, iyo imanza zigeze mu Rukiko rw'Ikirenga zibanza gukorerwa ibanzirizasuzuma kugirango harebwe niba zemerewe kuhaburanishirizwa. Izemewe ni zo zihabwa gahunda yo kuburanishwa mu mizi yazo. Utishimiye icyemezo ashobora kukijuririra muri urwo rukiko, rukaba rwakwemeza ko ruzaburanishwa cyangwa ko rudashobora kwakirwa mu Rukiko rw'Ikirenga.

➤ **Igereranya ry'imanza zinjiye mu rukiko rw'ikirenga n'ibyemezo by'ibanzirizasuzuma byazifashwemo**

UBWOKO BW'IMANZA	IMANZA ZINJIYE	IZAKOREWE IBANZIRIZASUZUMA ZOSE HAMWE	IZAKIRIWE MU RWEGO RWA MBERE	IBYEMEZO BYAJURIRIWE	IMANZA ZAKIRIWE MU BUJURIRE	IZAKIRIWE ZOSE HAMWE
INSHINJABYAHA NA JENOSIDE	340	240	160	23	1	161
IZINDI	418	105	40	21	0	40
IGITERANYO	758	345	200	44	1	201

**Icyitonderwa :**

Hari imanza zidakorerwa ibanzirizasuzuma harimo :

- imanza zahoze mu Rukiko Rusesa Imanza;

- imanza zitangirira mu Rukiko rw'Ikirenga;
- Imanza zihutirwa (référé) n'izirebana n'ifunga ry'agateganyo;
- Imanza z'iburabubasha zoherejwe mu Rukiko rw'Ikirenga.

➤ **Ibihano byatanzwe mu manza z'inshinjabyaha**

<b>Icyemezo cy'Urukiko</b>	<b>Umubare</b>
Abagizwe abere	<b>29</b>
Igifungo cy'umwaka 1-5	<b>12</b>
Igifungo cy'imyaka 6-10	<b>25</b>
Igifungo cy'imyaka 11-15	<b>20</b>
Igifungo cy'imyaka 16-20	<b>27</b>
Igifungo cy'imyaka 21-25	<b>0</b>
Igifungo cy'imyaka 25-30	<b>4</b>
Perpétuité	<b>42</b>
Peine capital	<b>14</b>
<b>TOTAL</b>	<b>173<sup>7</sup></b>

➤ **Igereranya ry'icibwa ry'imanza mu myaka itandukanye**

<b>Umwaka</b>	<b>Imanza zaciwe n'ibindi byemezo (habariwemo izaciwe mu mizi, ibyemezo byafashwe mu ibanzirizasuzuma)</b>	<b>Umubare w'abacamanza</b>
2002	73	16
2003	69	19
2005	397	14
2006	710	14
2007	684	14

<sup>7</sup> Umubare w'imanza nshinjabyaha zaciwe mu mizi uruta umubare w'ibihano no kugira abere ababuranyi kuko hari ibyemezo bimwe bitagena ibihano cyangwa ngo bigire abere ababuranyi (Urugero : Urubanza rutakiriwe , icyemezo cy'iburabubasha.....).

**Icyitonderwa** : Mu manza zaciwe muri 2005, 2006 na 2007 habariwemo ibyemezo byafashwe ku ibanzirizasuzuma.



**Icyitonderwa** : zimwe mu mpamvu z'ingenzi zatumye imanza zaciwe muri 2007 zigabanuka ni uko :  
 Imanza nyinshi zimurwa bisabwe n'ababuranyi  
 Abacamanza 2 bahamagariwe indi mirimo, umwe hagati mu mwaka n'undi mu mpera zawo.

➤ **Isubika ry'imanza n'impamvu zabiteye**

	Impamvu z'isubika	Ubwoko bw'imanza						
		Imbone zamubano	Iz'ubu curuzi	Iz'umur imo	Iz'ubut egetsi	Inshinj abyaha	Jenosi de	Igiteranyo
Ababuranyi	Bisabwe n'ababuranyi	24	2	1	5	114	3	149
	Kutitaba kw'ababuranyi	8	1	1	4	25		39
	Ababuranyi batabonetse	7	1	1	2	28		39
	<b>Igiteranyo</b>	<b>39</b>	<b>4</b>	<b>3</b>	<b>11</b>	<b>167</b>	<b>3</b>	<b>227</b>
Abavoka <sup>8</sup>	Bisabwe n' Abavoka	20	6	3	7	25		61
	Kutitaba kw' Abavoka	3	0	0	0-	20	2	25
	<b>Igiteranyo</b>	<b>23</b>	<b>6</b>	<b>3</b>	<b>7</b>	<b>45</b>	<b>2</b>	<b>86</b>
Parike	Bisabwe na Parike	0	0	0	0	5	0	5
	Kutitaba kwa Parike	0	0	0	0	4	0	4
	<b>Igiteranyo</b>	<b>0</b>	<b>0</b>	<b>0</b>	<b>0</b>	<b>9</b>	<b>0</b>	<b>9</b>
Urukiko	Abacamanza <sup>9</sup>	7	1	1	2	23	2	36
	Ubwanditsi	2	0	0	0	9	0	11
	<b>Igiteranyo</b>	<b>9</b>	<b>1</b>	<b>1</b>	<b>2</b>	<b>32</b>	<b>2</b>	<b>47</b>
Ibindi	Kuzuza ibikenewe muri dosiye <sup>10</sup>	8	3	0	3	37	1	52
	Impamvu zitunguranye <sup>11</sup>	4	0	0	2	2	0	8

<sup>8</sup> Abavoka + intumwa za Leta


<sup>9</sup> Ku mpamvu ziturutse ku bacamanza habariwemo amahugurwa, ubutumwa bw'akazi, inama z'akazi, Ikiruhuko ; kugirango inteko yarutangiyeye abe ariyo irukomeza ; guhindura inteko ...

<sup>10</sup> Kuzuza ibikenewe : MP iba yasabwe gukora iperereza ry'inyongera, kuzana abafatanyacyaha, kugirango hahamagazwe abatangabuhamya n'ibindi....

<sup>11</sup> Mu mpamvu zitunguranye habariwemo : uburwayi bw'umwe mu bagize inteko, ibyago by'umwe mu bagize inteko, ubwire n'ikiruhuko kitari giteganyijwe kuri karindari

	<b>Igiteranyo</b>	<b>12</b>	<b>3</b>	<b>0</b>	<b>5</b>	<b>37</b>	<b>1</b>	<b>58</b>
<b>Igiteranyo rusange</b>		<b>83</b>	<b>14</b>	<b>7</b>	<b>25</b>	<b>290</b>	<b>8</b>	<b>427</b>

**Icyitonderwa:** Imibare ku isubika ry'imanza igaragaza ko imanza nyinshi zimuwe biturutse ku baburanyi cyangwa abavoka ni ukuvuga 73% (abavoka :53%, Abavoka: 20%).



➤ **Imanza zirebana n'icyaha cyo gusambanya ku ngufu**

IMANZA ZARI MU RUKIKO MU NTANGIRIRO Z'UMWAKA	IZINJIYE	IZACIWE	IZIRI KURI GAHUNDA Y'IBURANISHA ZITARARANGIR A	IZISIGAYE MU RUKIKO	IBIHANO BYATANZWE	IBINDI BYEMEZO
9	30	14	14	25	* Igifungo cy'imyaka 6 : 1 * Igifungo cy'imyaka 10 : 1 * Igifungo cy'imyaka :14 : 1 * Igifungo cy'imyaka 20 : 2 * Igifungo cya burundu : 7	* Yafunguwe by'agateganyo ( MP yaretse ikirego ) : 1 * Uwagizwe umwere :1

➤ **Amafaranga yinjijwe n'agomba kwinjizwa ku manza**

AMAFARANGA AREBANA N'IMANZA	INGWATE Y'AMAGARAMA		AMAGARAMA N'UMUSOGONGERO WA LETA Y'URUKIKO BYATEGETSWE MU MANZA				KUGURA KOPI Z'IMANZA	
			AYISHYUWE		AGOMBA GUKURIKIRANWA N'INZEGO ZIBISHINZWE			
	PENAL	CIVIL	PENAL	CIVIL	PENAL	CIVIL	PENAL	CIVIL
	96.000	1.106.000	116.900	295.100	2.132.900	6.908.660	107.700	334.950
<b>IGITERANYO</b>	<b>1.202.000</b>		<b>412.000</b>		<b>9.041.560</b>		<b>442.650</b>	

### III.1.2. Imirimo rusange

Uretse imirimo yo guca imanza, Urukiko rw'Ikirenga rukora imirimo inyuranye igamije gufasha inkiko zose kurangiza neza inshingano zahawe, guhuza urwego rw'Ubucamanza n'izindi nzego, kurumenyekanisha cyangwa kurutsurira umubano.

➤ **Ibyakozwe na serivisi zinyuranye z'Urwego rw'Ubucamanza**

Muri iyi ngingo, haragaragazwa imirimo rusange yakozwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Ubugenzuzi bukuru bw'Inkiko, Serivisi z'Ubunyamabanga Bukuru, n'indi mirimo inyuranye yakozwe n'ubuyobozi bw'Urukiko.

- **Ibyakozwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

Nk'uko Itegeko Ngenga rishyiraho Inama Nkuru y'Ubucamanza ribiteganyaga, Inama Nkuru y'Ubucamanza iterana rimwe mu gihembwe mu nama isanzwe, ariko ikaba ishobora no guterana mu nama zidasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa.

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano zayo, Inama Nkuru y'Ubucamanza yateranye inshuro eshatu mu nama zisanzwe, n'inshuro eshatu mu nama zidasanzwe ifata ibyemezo bikurikira :

- Inama Nkuru y'ubucamanza yatanze ibitekerezo ku mategeko akurikira :
  - Umushinga w'itegeko ngenga rihindura kandi ryuzuzwa itegeko ngenga n° 01/2004 ryo kuwa 29/01/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ;
  - Umushinga w'itegeko ngenga rihindura kandi ryuzuzwa itegeko ngenga n° 07/2004 ryo kuwa 25/04/2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'inkiko ;
  - Umushinga w'itegeko rihindura kandi ryuzuzwa itegeko ngenga n° 06/ bis/ 2004 ryo kuwa 14/04/2004 rigenga abacamanza n'abakozi b'inkiko ;
  - Umushinga w'itegeko ngenga rishyiraho rikanagena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi.
  
- Hemejwe amapiganwa y'abacamanza n'abanditsi bashyirwa mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi no mu Nkiko z'Ubucuruzi ;
- Abacamanza 6 bashyizwe mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika ;
- Abacamanza 7 bashyizwe mu Nkiko z'Ibanze ;
- Abanditsi 4 bashyizwe mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika;
- Abanditsi 3 bashyizwe mu Nkiko Zisumbuye ;
- Abanditsi 5 bashyizwe mu Nkiko z'Ibanze, Abacamanza 4 n'umwanditsi 1 bemerewe kuba bahagaritse akazi, Abacamanza 2 batijwe ahandi, Abacamanza 10 n'abanditsi 3 bimuriwe mu zindi nkiko ;
- Abacamanza 3 n'abanditsi 5 barirukanywe.

▪ **Ibyakozwe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'inkiko**

Bushingiye ku nshingano zabwo no kuri gahunda y'ibikorwa bwari bwihaye, Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bwagenzuye imikorere y'inkiko, bukora n'amaperereza ku myitwarire ya bamwe mu bacamanza n'abanditsi b'inkiko ndetse bukora n'ibindi bikorwa binyuranye bigamije gushimangira imikorere myiza y'inkiko. Ibyo bikorwa byose ni ibi bikurikira:



- Hagenzuwe inkiko z'Ibanze 14, Izisumbuye 3 n'Urugereko 1 rw'Urukiko Rukuru rwa Repubulika;
- Hateguwe icyegeranyo cy'isuzumamikorere ryakorewe abacamanza;
- Gutunganya amadosiye y abakozi bari mu kazi *no kuyinjiza muri mudasobwa* ;
- Hakozwe inama 3 n'abaturage ;

- Hakiriwe abaturage 296 ;
- Gutegura « plan opérationnel » y'ibikorwa bikenewe mu gushyiraho inkiko z'ubucuruzi ;
- Hateguwe inyandiko igenewe guhugura no gufasha abayobozi b'ibanze mu mirimo ijyanye n'ihamagara ry'abaturanyi (guide des assignments) ;
- Hakozwe iperereza ku bacamanza 15 n'abanditsi 9, raporo zashyikirijwe Inama Nkuru y'Ubucamanza ifatira ibyemezo abacamanza 5, harimo batatu birukanwe n'abanditsi 5 bese birukanwe ;
- Hasesenguwe imanza 6 n'ibyemezo 3 bitangirwa raporo;
- Hakozwe raporo igaragaza ibyagezweho mu mushinga wo kubika no gushyingura dosiye z'inkiko n'ibikenewe ngo umushinga ukomereze mu zindi nkiko;
- Hateguwe inyandiko igaragaza inkiko zikeneye kongererwa ingufu;
- Hateguwe umwiherero w'abacamanza wa 2007;
- Mu rwego rwo kongerera abakozi ubushobozi, Abacamanza n'Abanditsi b'Inkiko bahuguwe n'inzobere mu masomo atandukanye, bakora ingendoshuri ndetse bamwe bafashwa kwiga icyiciro cya gatatu cya kaminuza. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza abahuguwe n'ibyo bahuguwemo.

➤ **Amahugurwa yahawe abacamanza n'abanditsi b'inkiko**

	<b>Amahugurwa yatanzwe</b>	<b>Abahuguwe</b>	<b>Umubare</b>
<b>01</b>	Amategeko y'imisoro	Abacamanza b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika	10
		Abacamanza b'Inkiko Zisumbuye	90
		Abacamanza b'Inkiko z'Ibanze	120
	<b>IGITERANYO</b>		<b>220</b>
<b>02</b>	Imiburanishirize y'imanza (Pratique du Siège)	Abacamanza b'Inkiko zisumbuye	96
		Abacamanza b'inkiko z'Ibanze	118
	<b>IGITERANYO</b>		<b>214</b>
<b>03</b>	Imiburanishirize y'imanza za Jenocide	Abacamanza b'Inkiko zisumbuye	77
	<b>IGITERANYO</b>		<b>77</b>
<b>04</b>	Amategeko arebana na « Gender »	Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga	3
		Abacamanza b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika	5
		Abacamanza b'Inkiko zisumbuye	12
		Abacamanza b'Inkiko z'Ibanze	60
	<b>IGITERANYO</b>		<b>80</b>
<b>05</b>	Amategeko ku bidukikije	Abacamanza b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika	3
		Abacamanza b'Inkiko zisumbuye	12
		Abacamanza b'Inkiko z'Ibanze	60
	<b>IGITERANYO</b>		<b>75</b>
<b>06</b>	Abahuguwe mu ndimi	Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga	13
		Abacamanza b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika n'abandi bakozi	65
	<b>IGITERANYO</b>		<b>78</b>
<b>07</b>	Amategeko mpuzamahanga ahana	Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga	6
		Abacamanza b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika	14
	<b>IGITERANYO</b>		<b>20</b>
<b>08</b>	Amahugurwa kuri « Recherche électronique » (ubushakashatsi mu mategeko hifashishijwe « internet »)	Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga	4
		Abacamanza b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika	3
		Abacamanza b'Inkiko zisumbuye	12
		Abandi bakozi	4
	<b>IGITERANYO</b>		<b>23</b>
<b>09</b>	Amahugurwa ku mategeko y'Umulimo	Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga	1
		Abacamanza mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika	4
		Abacamanza mu nkiko zisumbuye	12
	<b>IGITERANYO</b>		<b>17</b>
<b>10</b>	Ingendoshuri muri Canada	Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga	3

		Abacamanza b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika	4
	Ingendoshuri muri « Iles Maurices »	Abacamanza mu Rukiko rw'lkirenga	5
11	Ingendoshuri mu Buhorandi	Abacamanza b'Urukiko rw'lkirenga	2
12	Gahunda ya Master's	Abacamanza n'abanditsi b'inkiko zinyuranye bariga	12
		Abanditsi b'inkiko zinyuranye basabiwe buruse	29

- **Ibyakozwe na serivisi z'Ubunyamabanga Bukuru**

Nk'uko byasobanuwe haruguru, Ubunyamabanga Bukuru bw'Urukiko rw'lkirenga bushinzwe guhuza imirimo yose yerekeye ubuyobozi na tekini by'Inzego z'Urukiko. Bugizwe n'inzeho z'imirimo zikurikira : Ubuyobozi bw'igenamigambi, Ubuyobozi bw'imari n'ubuyobozi bw'ikoranabuhanga. Ibikorwa byabwo biragaragara mu ncamake ikubiye mu ngingo zikurikira bikurikira:

- **Ku bijyanye n'Abakozi**

- **Amahugurwa y'abakozi bunganira inkiko**

Mu rwego rwo kongerera Inkiko ubushobozi, hakoze amahugurwa atandukanye agamije guha Inkiko ubushobozi bwo gutunganya neza imirimo zishinzwe nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

	Amahugurwa yatanze	Abahuguwe	Umubare
01	Procédure de passation des marchés publics	Abakozi b'Urukiko rw'lkirenga	6 kuri 6
02	Gestion des organisations publiques	Abakozi b'Urukiko rw'lkirenga, Abakozi b'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, Abakozi b'Inkiko Zisumbuye	77 kuri 94
03	. Managements Stratégiques »	Abakozi b'Urukiko rw'lkirenga	2 kuri 2
04	Utilisation de Sage Pastel	Abacungamali	13 kuri 14

- **Ikoranabuhanga, Inyubako n' ibikoresho**

Muri uyu mwaka Inkiko zakomeje gushakirwa aho zikorera haboneye, zihabwa ibikoresho binyuranye birimo n'iby'ikoranabuhanga.

○ **Inyubako**

Muri uyu mwaka, ibikorwa by'ubwubatsi byari byaratangiye byarakomeje, ndetse zimwe mu ngoro z'inkiko ziratahwa nk'uko bigaragarira mu mbonerahamwe ikurikira:

<b>N°</b>	<b>INYITO</b>	<b>AHO IMIRIMO IGEZE</b>
01	Urukiko rwisumbuye rwa Gasabo	Urukiko rwaratashywe
02	Urukiko rwisumbuye rwa Ngoma	Urukiko rwaratashywe
03	Urukiko rwisumbuye rwa Gicumbi	Urukiko rwaratashwe
04	Urukiko rwisumbuye rwa Nyarugenge	Akazi karakomeza
05	Urukiko rwisumbuye rwa Huye	Urukiko rwaratashywe
06	Kwagura Urukiko rw'Ikirenga	Akazi karakomeza

Imirimo yo gutanga amasoko yo kubakira inkiko zidafite aho zikorera heza yaratangiye ikazarangirana n'igihembwe cya mbere cya 2008. Iyo mirimo irareba inkiko zikurikira :

- Inkiko zizubakirwa :
  - Urukiko Rukuru rwa Repubulika, Urugereko rwa Rwamagana ;
  - Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze ;
  - Inkiko z'Ibanze 18.
- Inkiko zazagurwa (extension) :
  - Inkiko z'Ibanze 22.
- Inkiko zizasanwa :2.

Abatera inkunga imirimo y'ubwubatsi ni umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi, Ubuholandi, Ububirigi.

○ **Guteza imbere ikoranabuhanga mu Nkiko**

- Mu rwego rwo guteza imbere ikoranabuhanga Inkiko zigenda zihabwa za mudasobwa ku buryo uyu mwaka zahawe mudasobwa 50, kugeza ubu umubare wa za mudasobwa ziri mu nkiko ni 557 zirimo 507 zikora na 50 zidakora neza ;
- Umuyoboro w'iherekanya makuru uhuza ibiro byose mu Rukiko rw'Ikirenga no mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika hakoreshejwe ikoranabuhanga urakora neza ;
- Ingereko z'Urukiko Rukuru rwa Repubulika zagejweho uwo murongo w'iherekanyamakuru, uzatangira gukora mu ntangiriro za 2008 ;
- Inkiko zose zifite « réseau » ya telefoni za « Rwandacel » zishobora gukoresha umurongo wa « internet », ibi bikaba bifasha mu rwego rwo guhererekanya amakuru no gukora ubushakashatsi mu guca imanza ;
- Harigwa uburyo inkiko zabona « logiciel » yo kubika no gushyingura inyandiko z'imanza hakoreshejwe ikoranabuhanga (archivage électronique) no gukurikirana ibikorwa byose byerekeye imanza hakoreshejwe ikoranabuhanga (case management system)
  - **Kumenyekanisha amategeko n'imikorere y'Inkiko**
  - Hateguwe udutabo (dépliants na brochures) duhabwa abagana Inkiko kimwe n'abandi bantu kugirango bashobore gusobanukirwa imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Ubucamanza ;
  - Hateguwe ibiganiro kuri radiyo bigamije gukangurira abantu amategeko n'imikorere y'Urwego rw'Ubucamanza ;
  - Buri gihembwe, hasohoka ikinyamakuru cy'Ubucamanza gitanga amakuru ajyanye n'Urwego rw'Ubucamanza.
  - **Ubushakashatsi mu mategeko**

Mu rwego rw'Ubushakashatsi, inkiko zahawe ibitabo 2576 binyuranye by'abahanga mu mategeko bikaba bizazifasha guca imanza neza. Hatangijwe kandi umushinga ku bufatanye bw'amashami y'amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda (UNR) na Kaminuza yigenga ya Kigali (ULK). Uwo mushinga ukaba ugamiye gutegura icyegeranyo cy'ibyemezo by'Inkiko, no gukora isesengura ku bibazo by'amategeko biri mu manza.

o **Ingengo y'imari n'ikoreshwa ryayo**

Muri uyu mwaka Inkiko zakoresheje amafaranga mu bikorwa bitandukanye aturutse mu ngengo y'imari ya Leta no mu baterankunga banyuranye. Amafaranga yarateganyijwe yose hamwe mu mwaka 2007 yanganaga **5.567.191.053 Frws** ayakoreshejwe akaba angana na **5.171.850.298 Frws** nk'uko biboneka mu mbonerahamwe ikurikira.

Aho amafaranga aturuka	Ayatanzwe	Ayakoreshejwe	Ijanisha
B.O en 2007	3.580.612.932	4155780768	116%
PACT 1 en 2007	711.806.711	492.444.430	69%
PACT 2 en 2007	1.145.200.984	394.054.674	34%
PNUD 2007	129.570.426	129 570 426	100%
<b>TOTAL</b>	<b>5.567.191.053</b>	<b>5.171.850.298</b>	<b>92%</b>

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, amafaranga y'ingengo y'imari ya Leta (BO) yakoreshejwe araruta ayari ateganyijwe kuberako ingengo y'imari yari yagenewe inkiko yari nto cyane ugereranije n'iyari ikenewe akaba ariyo mpamvu Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi yunganiye iyo ngengo y'imari mu rwego rungana na 16%.

Uretse kandi aba baterankunga bavugwa haruguru, hari izindi nkunga zitangwa, zidacungirwa mu Rukiko rw'Ikirenga, zireba cyane cyane imirimo y'ubwubatsi, umushinga wo kurangiza ibirarane, ibikoresho, amahugurwa n'ibindi. Izo nkunga ni izitangwa n'umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi.

Banki y'Isi (Word Bank), Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho Urwanda rukorera Arusha (TPIR), imiryango nka « Norwegian People Aid (NPA), Réseau des Citoyens(RCN), ASF, UNIFEM na « Trocaire » bafashije mu mahugurwa no mu bindi bikorwa binyuranye.

➤ **Indi mirimo yakozwe n'Ubuyobozi bw'Urukiko rw'Ikirenga**

❖ **Inama**

**1. Inama rusange z'Urukiko rw'Ikirenga**

Ukwezi	Itariki		
Mutarama	24	30	
Werurwe	7	16	27
Gicurasi	4		
Kamena	1	14	21
Kanama	7	28	
Nzeri	14		
Ukwakira	12		
Ugushyingo	28		

**2. Inama z'Inama Nkuru y'Ubucamanza**

Ukwezi	Itariki
Nzeri	13
Werurwe	27-29
Ukwakira	23
Kamena	13
Ukuboza	6
Nyakanga	19-20

**3. Inama n'abayobozi b'inkiko**

<b>Ukwezi</b>	<b>Itariki</b>	
Mutarama	12	
Gashyantare	2	
Mata	20	23
Nyakanga	23	
Ukwakira	19	

**4. Inama na “service administratif” y’Urukiko**

<b>Ukwezi</b>	<b>Itariki</b>	
Werurwe	20	
Mata	16	23
Gicurasi	3	22
Kamena	6	20
Nyakanga	2	
Ukwakira	15	24



## 5. Kwitabira imihango n'inama zateguwe n'izindi nzego

- “The second African symposium on statistical development”.
- « Lancement de la 2<sup>e</sup> phase de la campagne des Premières Dames « traite chaque enfant comme le tien ».
- Inama ya « friends of global fund for fighting HIV/AIDS, tuberculosis and malaria ».
- Umwiherezo wa IV w'abayobozi bakuru b'igihugu.
